

Inama ku Ikoreshwa ry'Inyandiko y'Inkunga ijyanye n'imbutu n'imboga (ipaji ya 6)--reba ifoto y'inyandiko iri hasi:

1. Inyandiko y'inkunga ijyanye n'imbutu n'imboga ishobora gukoreshwa ku maduka, ku masoko y'imyaka cyangwa ihahiro ry'imyaka byemewe na gahunda ya WIC.

② Reba amatariki ari ku nyandiko y'inkunga ya WIC. Itariki ya mbere igaragaza umunsi wa mbere ushobora gutangira gukoreshaho inyandiko y'inkunga. Itariki ya kabiri igaragaza umunsi wa nyuma ushobora gukoreshaho inyandiko y'inkunga. Ushobora gukoresha icyarimwe umubare w'inyandiko z'inkunga za WIC wifuzaza wose, upfa gusa kuba amatariki aziriho ari hagati y'aya.

③ Reba umubare w'amadolari yanditse ku nyandiko y'inkunga uzishyurirwa na Gahunda ya WIC.

4. Shyira hamwe imbuto n'imboga zose igihe ugeze aho bishyurira.

5 Hereza uwakira amafaranga agatabo ka WIC n'inyandiko z'inkunga uri gukoresha mbere yo kunyuzwa ibiribwa waguze ukoresheje inyandiko y'inkunga ya WIC muri sikaneri.

⑥ Andika ku nyandiko y'inkunga igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa ibiribwa ufashe mu rwego rwa Gahunda ya WIC keretse igihe usanze iduka rifite akamashini k'inyemezabuguzi kakaba kamaze gucapa inyemezabuguzi. Amafaranga wanditse ntagomba kurenza agaciro k'inyandiko y'inkunga. Igihe igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa kirenze agaciro k'inyandiko y'inkunga ijyanye n'imbutu n'imboga, ugomba kwiyishyurira arengaho.

Urugero:

- Agaciro k'inyandiko y'inkunga ijyanye n'imbutu n'imboga kangana n'amadolari 11.
- Igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa ni amadolari 12.
- Ugomba kwishyura idolari 1 rirengaho

Igihe imbuto n'imboga waguze zitagejeje ku gaciro k'inyandiko y'inkunga, barakugarurira.

⑦ Shyira umukono imbere ku nyandiko y'inkunga ahagana hasi mu nguni y'iburyo maze uyisubize uwakira amafaranga. Uwakira amafaranga ajenzura ko umukono uriho uhuye koko n'umukono w'uhagarariye nyir'inyandiko, uwitabira gahunda cyangwa umuntu yizeye bemewe bagaragara ku gatabo ka WIC.

8. Genzura neza ko bagusubije agatabo kawe kandi bakaguha n'inyemezabwishyu mbere yo kuva aho bishyurira, mu isoko ry'imyaka cyangwa ihahiro ry'imyaka.

MAINE WIC NUTRITION PROGRAM 11 SHS, Augusta, Maine 04333 - 1-800-437-9300 - www.WICforME.com Department of Health and Human Services

NAME OF PARTICIPANT		FIRST DAY TO USE	LAST DAY TO USE	CHECK NUMBER
SAMPLE	CHECK	3/23/2016	4/22/2016	03356297
PARTICIPANT I.D.	AGENCY	CLINIC	FOOD PACKAGE	FI TYPE
10043571				
FOR PURCHASE OF APPROVED WIC FOODS ONLY (NO SUBSTITUTIONS ALLOWED):		AMOUNT		STAMP BELOW
③ \$11.00 For Fresh, Frozen or Canned Fruits &/or Vegetables XXX END OF ORDER XXX		⑥ \$		
		DEPOSIT WITHIN 60 DAYS OF FIRST DAY TO USE PAY TO THE ORDER OF MAINE WIC VENDOR		
		X		⑦
		SIGNATURE OF AUTHORIZED REPRESENTATIVE OR PROXY		

Tips for Using F & V Checks - Kinyarwanda